

**Message à la nation du Président du
Comite pour la paix et l'unité nationale
lors du coup d'Etat de juillet 1973
(06-07-1973)**

(Tubiksha: www.habyarimana.com)

Journaliste : Comme nous vous l'avons déjà annoncé, écoutez la déclaration président du Comite pour la paix et l'unité nationale à la nation :

N.D.L.R: Ces deux versions sont toutes originales et non des traductions l'une de l'autre.

**Ijambo rya Perezida wa Komite y'
Amahoro n'Ubumwe igihe ingabo z'
igihugu zivanaho ubutegetsi bwa
repubulika ya mbere. (6 Nyakanga 1973)**

(Tubiksha: www.habyarimana.com)

Umunyamakuru: Nshuti muduteze amatwi, nk' uko twabibabwiraga mu mwanya, nimutege amatwi mwumve ijambo ry' ingenzi ritangajwe na Perezida wa Comité pour la Paix et l' Unité Nationale.

Icyitonderwa: Aya madisikuru yakoporowe uko yavuzwe. Ubwanditsi nibwayavanye mu rurimi ruyashyira mu rundi.

Peuple rwandais,

Hier vous avez pris connaissance des décisions importantes prises par le commandement de la Garde Nationale pour sauver le pays du désordre pourri qui allait dégénérer en catastrophe. La Garde Nationale qui a toujours sauvé votre tranquillité, garde le devoir sacré de protéger la paix et l'unité nationale.

La politique dans ce pays n'était plus soucieuse de la paix. Les éléments inciviques ont abusé de la fatigue de celui que la Nation avait choisi à la diriger et l' ont amené à oublier le sens de l' unité nationale. Mais heureusement pour notre pays, cette clique de malfaiteurs n'est pas nombreuse. Je vous invite tous, citoyennes citoyens, à la désapprouver avec toutes ses complices.

La Garde Nationale est intervenue au moment où le pays allait être précipité

Banywarwanda, Banyarwandakazi,

Mwaraye mwumvise ingingo z' ingenzi zemejwe n' ingabo z' igihugu kugira ngo u Rwanda rwacu rukomeze rugire amahoro. Ingabo z' igihugu nta bundi buryo zari zifite butari ubwo guhagarika abatari bakitaye ku mutekano w' abaturage. Ntizari gushobora kwirengangiza ko arizo u Rwanda rwose ruhanze amaso kugira ngo ruhorane amahoro n' ubumwe. Bamwe bananiye uwari watorewe koyobora igihugu, bamupakiramo ibitekerezo biciye ukubiri n' amahoro n' ubumwe u Rwanda rukeneye.

Icyo twakwishimira gusa, nuko abo bagizi ba nabi ari bake cyane. Mwese mudufashe kubagaye, mudufashe no kurwanya ibyo bitekerezo byabo. Ntawavuga ko bari bahagarariye u Rwanda. Ntawavuga ko bari bahagarariye perefegitura iyi n' iyi, cyangwa se komini. Bari bihagarariye ubwabo. Bacuraga ubugambo, bakarara bapagasa babuhwihwisa, kugira ngo

dans l'abîme. Elle vient de sauver la paix. Cette paix que nous voulons durable et porteuse de progrès, dans le développement national. Vous avez tous le devoir d'oeuvrer au rétablissement de la paix et de l'unité nationale. C'est pour votre intérêt. C'est pour le bien de vos familles. C'est pour la prospérité de la Nation toute entière. Aimez vos compatriotes sans distinction d'origine ethnique ou régionale. Rejetez toute propagande à caractère régionaliste. Signalez aux autorités toute personne qui veut pousser à travailler contre l'unité nationale. Suivez les conseils et instructions que vous donne le Comité pour la paix et l'unité nationale. Celui-ci vous sait particulièrement gré du calme que vous avez gardé et gardez toujours, dans les premières heures de la nouvelle orientation de notre pays. Ce calme est une nouvelle preuve de confiance et de soutien de votre Garde Nationale. Chaque matin, lors de la levée des couleurs nationales, la Garde Nationale saluera votre sagesse.

Autorités communales, collaborez étroitement avec les nouvelles autorités préfectorales. Méfiez-vous de ceux qui peuvent tenter de vous désorienter pour vous compromettre. Fonctionnaires et agents de l'Etat, assumez vos responsabilités avec zèle et dévouement. Le pays qui vous entretient a besoin de vous. Travaillez dans la paix pour vos familles et pour votre pays.

Quant aux politiciens qui

bitoneshe nk' ibya kera. Icyakora ubwo bagaragaye, ntawe bagishoboye gushuka, nk' uko babigiriye uwahoze ari umukuru w' igihugu. Ninde wavuga ko bamugiriye neza mu kumugira igikoresho cyabo mu matiku n' inzangano? Ingabo z' igihugu ni byo zishaka gukuraho. Zabitewe n' uko igihugu cyari kigeze iw' abandii.

Ayo mahoro dushaka ni ay' igihe cyose, kuri buri muntu wese, ari nayo azatuma igihugu gitanga imbere. Mwese mugomba gutanga umuganda kugira ngo ayo mahoro asagambe mu bumwe n' ubwumvikane bw' abanyarwanda bose. Amahoro niyo abafitiye akamaro mwese n'ingo zanyu. Amahoro niyo azadufasha gukura igihugu cyacu mu bukene.

Mwumvikane mwese kandi mwubahane. Murwanye icyashaka kubateranya, gishingiye ku bwoko cyangwa ku karere. Ababunza impuha bose n' abagenzwa no kwanganisha abantu mubime amatwi, mubamenyeshe abashinzwe kubahiriza amahoro mu gihugu. Mukurikire inama komite y' amahoro ibagira.

Naho abari basanzwe mu bya politiki no mu butegetsi bwavuyeho, ntibakumiwe mu ishya ryo guteza igihugu imbere. Icyo twababujije gusa ni amatiku bari bamaze kurohamamo.

Bategetsi ba za komini mwese, nimutekereze ibyo kuzamura abatwaga mu mahoro mufatanyije n' abategetsi bashya ba za perefegitura. Mwirinde abashobora kubayobya kandi ntacyo babamariye. Bakozi b' igihugu mwese,

viennent d'être déposés par notre décision, nous répétons qu' ils n' ont à s' inquiéter de rien, du moment qu' ils obéissent à notre consigne, celle de laisser momentanément les activités politiques et de se consacrer pleinement au développement de notre pays suivant la nouvelle orientation que nous leur traçons.

Vous tous étrangers de bonne volonté, restez paisiblement à vos occupations. Nous vous demandons d'aider réellement au développement du pays. Comme déjà signalé dans notre communiqué, nous maintiendrons les bonnes relations avec tous les pays voisins d' abord, les pays membres de l'OUA ensuite, et enfin avec tous les pays qui militent pour la liberté et la paix internationale, spécialement ceux avec lesquels le peuple a décidé de nouer des relations diplomatiques. Nous remercions spécialement les pays qui déjà nous ont témoigné leur appui suite à la décision que nous avons prise. Nous respectons tous les accords et traités conclus avec les pays étrangers et les organismes internationaux.

Quant à vous particulièrement, citoyens membres de la Garde Nationale, la Nation est fière de vous. Vous venez encore une fois de la sauver de la destruction. Les éléments séparatistes ont tenté en vain de vous diviser. Vous les avez repoussés, car votre rôle n' est pas de créer des scissions dans le pays. Vous êtes l'unité nationale même.

nimukorane umwete. Igihugu kibatunze kirabakeneye. Kuganda no kunebwa mubisezerere, mukore imirimo yanyu mu mahoro n' ituze.

Banyamahanga namwe, nimukomeze imirimo yanyu ntacyo mwishisha, mudufashe nta buryarya kuzamura igihugu cyacu. Ibihugu byose dusanganywe ubucuti n' umubano, cyane cyane ibyo duhujije imipaka, tuzakomeza kubana nk' uko bisanzwe, ndetse turusheho.

Turashimira mu mwanya wanyu ibihugu bitatinze kudutera inkunga byumvise icyo gikorwa cy' ingenzi twiyemeje. Imiryango y' isi yose u Rwanda rwari rwarinjiyemo ruzayigumamao, n' amasezerano rwari rufutanye nayo azubahirizwe.

Mwebwe rero ngabo z' igihugu, hahirwa u Rwanda rwababyaye. Mumaze kongera kurukura ahabi. Abashatse kubatatanya ngo babone uko basenya igihugu mwarabananiye kuko umurimo wanyu atari uwo gucamo uduco mu gihugu. Ni mwe mugomba gutanga urugero rw' ubumwe. Nta musirikari n' umwe usinyira gukorera akarere. Mujye mubizirikana. Iki gikorwa cy' ingenzi twiyemejere hamwe kugaragariza u Rwanda, cyongeye kugaragaza ubumwe dusanganywe kandi tukaba twizeye ko byabera urugeo abanyarwanda bose. Izo nyangarwanda zihwihwisa ibinyoma muzihorere, muzazimwe amatwi. Mwhite gusa ku murimo wanyu wo kubahiriza amahoro. Ikiranga umunyarwanda ni ubwumvikane n' ubumwe. Ntimugahweme gukunda igihugu cyanyu n' abagituye bose. Nimurinde amahoro y' abatwagaye, mufatanye kurwanya

L'acte que nous venons ensemble de poser le prouve à suffisance. Nous avons le plein espoir que le peuple rwandais tout entier suivra cet exemple de cohésion. Vous êtes tous parmi les meilleurs enfants de notre chère patrie. Soyez fiers de l'être dans l'unité. A ces rares individus qui prêchent la division, répondez « non » comme toujours. Quel intérêt y a-t-il à diviser notre pays ? N'est-ce pas grâce à votre unité que vous avez toujours été la fierté et l'espoir de la Nation ? Redoublez d'attachement à votre pays, à vos chefs et à tous vos compatriotes sans exception. Continuez à veiller à la tranquillité de vos concitoyens. Collaborez avec eux contre tout ce qui peut porter atteinte à la paix et l'unité nationale. Votre pays que vous aimez tant vous en saura gré.

Vive la République rwandaise,
vive le Peuple rwandais !

icyakwangiza amahoro cyose.
Igihugu cyanyu mukunda kuruta
byose kibahanze amaso.

Harakabaho Repubulika y' u
Rwanda, harakabaho
abaturarwanda bose.